Studyinfo.space

**POLISI Y'U RWANDA**

**IBIRO BYA KOMISERI USHINZWE ABAKOZI**
P.O.BOX 6304 KIGALI
www.police.gov.rw

# ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA KWINJIRA MURI POLISI Y'U RWANDA KU RWEGO RW'ABAPOLISI BATO

Polisi y'u Rwanda, iramenyesha abasore n'inkumi bifuza kwinjira muri Polisi ku rwego rw'abapolisi bato (**Basic Police Course**) ko bazatangira kwiyandikisha ku cyicaro cya Polisi mu Karere (**DPU**) batuyemo guhera tariki ya **14/10/2025** kugeza tariki ya **07/11/2025**, kuva saa **08h00-17h00**, mu minsi y'akazi.

**Ababyifuza bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

1. Kuba ari Umunyarwanda
2. Kuba afite imyaka iri hagati ya 18 na 25
3. Kuba afite ubuzima buzira umuze
4. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye (A2)
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire bigaragazwa n'icyemezo gitangwa n'inzego z'Ibanze.
6. Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kigeze cyangwa kirengeje amezi atandatu
7. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo ya Leta
8. Kuba yiteguye gukorera aho ariho hose

Abujuje ibisabwa bagomba kuza kwiyandikisha bitwaje forumirere yujujwe neza iriho ifoto ngufi (Photo Passport) iboneka ku rubuga rwa Polisi (www.police.gov.rw), fotokopi y'indangamuntu, fotokopi y'impamyabumenyi, icyemezo kigaragaza ko ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'inzego z'ibanze.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni: **0788311526** na **0788311785**

Bikorewe i Kigali ku wa 13/10/2025

RWANDA NATIONAL POLICE - DEPT. OF HUMAN RESOURCES MANAGEMENT

**Jacques BURORA**
Assistant Commissioner of Police (ACP)
Komiseri Ushinzwe Abakozi Muri Polisi y'u Rwanda